# AMATEGEKONGENGAMIKOREREYA“PANAFRICANMOVEMENT”,RWANDA-CHAPTER

**Inama Njyanama,**

Ishingiye ku Mategeko Shingiro ya“Pan AfricanMovement, Rwanda-Chapter yo ku wa , cyane cyane mu ngingo zayo iya 7, iya 8, iya 11;

Ishingiye ku Itegeko nº04/2012 ryo kuwa 17/02/201 2 rigenga Imiryango Nyarwanda itari iya Leta;

Imaze kubona ko ari ngombwa ko Amategeko Shingiro ya“PanAfrican Movement”, Rwanda–Chapter yuzuzwa kugira ngo inzego zayo zikore neza, bityo PAM-Rwanda ishobore kugera ku ntego yihaye;

Imaze kubona ko ari ngombwa kunoza imikorere ya“PanAfrican Movement”, Rwanda-Chapter;

Isubiye ku Mategeko Ngengamikorere ya PAM–Rwanda-Chapter yo ku wa 23 Nzeri 2018;

Imaze kuyasuzuma no kuyemeza mu nama yayo yo ku wa 02 Mata 2022

**Yemeje Amategeko Ngengamikorere akubiye mu ngingo zikurikira** :

## UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

### Ingingo ya mbere: Icyo aya Mategeko Ngengamikorere agamije

Aya Mategeko Ngengamikorere ya“Pan African Movement”,Rwanda–Chapter, yitwa PAM-Rwanda mu ngingo zikurikira, agamije kuzuza Amategeko Shingiro yayo..

### Ingingo ya 2: Abashinzwe kubahiriza aya Mategeko Ngengamikorere

Aya Mategeko Ngengamikorere yubahirizwa n’inzego z’ubuyobozi zose  za PAM-Rwanda.

### Ingingo ya 3: Kuba Umunyamuryango

Umuntu wese ushaka kuba umunyamuryango wa PAM–Rwand abisaba mu nyandiko, akandikwa mu gitabo cyabugenewe kiri kuri buri rwego rw’Inzego z’Ubuyobozi za PAM-Rwanda mu Rwanda.

Ashobora kubisaba akoresheje inyandiko isanzwe cyangwa mu buryo bw’ikoranabuhanga.

Kugira ngo umuntu abe umunyamuryango wa PAM–Rwanda agomba kuba yemera, afite ubushake bwo gushyigikira no gushishikariza abanyarwanda n'abanyafurika muri rusange intego n'amahame bya"PanAfrican Movement".

**Ingingo ya 4: Inshingano za buri munyamuryango**

Buri munyamuryango wa PAM-Rwanda asabwa gushishikariza abandi imigabo n'imigambi ya"Panafricanism" mu rwego akoramo cyangwa ahagarariye. Umunyamuryango wa PAM–Rwanda ni umuntu ku giti cye.

**Ingingo ya 5: Ubukorerabushake**

Usibye abakozi bo mu Bunyamabanga Nshingwabikorwa, umuntu wese usabwe kugira umurimo akorera PAM-Rwanda abikora mu bwitange, nta kiguzi usibye ko yoroherezwa mu mirimo yashinzwe.Nta mushahara agenerwa.

Umuntu wese uhawe inshingano na PAM-Rwanda agomba kurangwa n'imyitwarire imuhesha agaciro n'imyifatire itavangura kandi idakurura amacakubiri.

**Ingingo ya 6**: **Ibisabwa inyandiko yitirirwa PAM–Rwanda**

Mu nzego zose za PAM-Rwanda, inyandiko yitirirwa PAM–Rwanda igomba kuba iriho umukono w'Umuyobozi wa PAM–Rwanda ku rwego rwayanditse cyangwa Umusimbura mu gihe atabonetse, cyangwa undi wese wabiherewe ububasha. Iyo nyandiko igomba gushyirwaho kashe ya PAM–Rwanda kuri urwo rwego.

Ushaka inyandiko mu zashyinguwe mu bubiko bwa PAM–Rwanda agomba kubisabira uburenganzira Umunyamabanga Mukuru wa PAM–Rwanda cyangwa undi yabihereye uburenganzira. Ku nzego z'imitegekere y'Igihugu, ububurenganzira butangwa n'Umuyobozi wa PAM –Rwanda kuri urwo rwego ushinzwe kongera umutungo n'imari kuri urwo rwego.

**Ingingo ya 7**: **Ibisabwa Umuyobozi wa PAM–Rwanda iyo abagize biro bafashe icyemezo cyo kwegura icya rimwe**

Iyo abagize Biro ya PAM–Rwanda kuri buri rwego bafatiye rimwe icyemezo cyo kwegura, Uyobora PAM–Rwanda kuri urwo rwego agomba gutumiza Komite Nyobozi ikitaraganya ikamenyeshwa icyo cyemezo,nayo igashyiraho Ubuyobozi bw'agateganyo mu gihe hategerejweko inama y'urwego ibifitiye ububasha iterana kandi hakanagenwa igihe inama yayo idasanzwe izabera.

**Ingingo ya 8**: **Ingaruka ry'iyegura ry'umwe mu bagize Komite Nyobozi ku kazi k'abandi**

Guhagarika burundu imirimo k'umwe mu bagize Komite Nyobozi ya PAM–Rwanda ntibibuza abandi gukomeza, ariko agomba kubamenyesha igitumye ahagarika imirimo ye kugira ngo inama ya Komite Nyobozi ikurikira ibyemeze.

Uweguye ku murimo we asimburwa by'agateganyo mu gihe kitarenze iminsi mirongo itandatu (60) na Komite Nyobozi mu gihe hagitegerejwe ko urwego rubifitiye ububasha rumusimbura.

**Ingingo ya 9**: **Inshingano ya PAM-Rwanda yo kugoboka uhohotewe**

Bitabangamiye ibiteganywa n'amategeko, PAM–Rwanda ifite inshingano yo kugoboka umunyamuryango wese uhohotewe mu gihe akora inshingano za PAM–Rwanda.

**Ingingo ya 10: Abemerewe guha amabwiriza abakozi bo mu Bunyamabanga Bukuru**

Uretse abagize Biro ya PAM-Rwanda,nta wundi muntu ufite uburenganzira bwo guha amabwiriza cyangwa gukoresha abakozi b'Ubunyamabanga Bukuru imirimo itazwi n'abashinzwe gukurikirana imikorere yabo.

## UMUTWE WA II: INSHINGANO ZA PAM –RWANDA N'AHO INZEGO ZAYO ZIKORERA

**Ingingo ya 11**: Inshingano za PAM–Rwanda

PAM–Rwanda ifite inshingano zikurikira:

1. Gutoza Umunyarwanda n'Umunyafurika muri rusange kumva no kwemera ko ari Ikiremwamuntu, ufite agaciro n'uburenganzira nk'abandi bose ku Isi kandi akigirira icyizere;
2. Gutoza Umunyarwanda n'Umunyafurika muri rusange guharanira umuco wo kwigira;
3. Guharanira ubumwe "integration" bw'Afrika;
4. Gutoza no gushishikariza Umunyarwanda n'Umunyafurika muri rusange guharanira kugira imibanire ishingiye ku bwubahane, ubwuzuzanye n'ubuhahirane n'abandi ku Isi;
5. Gutoza Umunyarwanda n'Umunyafurika muri rusange kubaha no kuyoborwa n'umuco wabo;
6. Gushishikariza Leta kwakira umuntu wese ufite inkomoko muri Afurika nk'umwenegihugu iyo abishatse;
7. Guteza imbere umuco w'Ubukorerabushake n'ubwitange;
8. Guteza imbere ibikorwa na gahunda bigamije gushaka ibisubizo kubibazo n'inzitizi abanyafurika bahura nabyo;
9. Guteza imbere ibiganiro bigamije gushishikariza abanyafurika kurushaho gukunda umugabane wabo no kuwushakira iterambere rirambye;
10. Gukora ibikorwa bigamije guhesha agaciro Umunyafurika;
11. Gukora ibikorwa bigamije guharanira amahoro;
12. Guteza imbere ubunyafurika mu Rwanda.

**Ingingo ya 12**: **Aho inzego za PAM–Rwanda zikorera**

Inzego za PAM-Rwanda ziri ku rwego rw'Igihugu, ku nzegoz'imitegekere y'Igihugu no ku nzego zihariye.

Inzego zihariye za PAM–Rwanda ziri ku rwego rw'Akarere, urw'Umurenge, rw'Akagari, urw'Umudugudu. Ziri kandi nu rwego rw'Urubyiruko,urw'Abagore, urw'Abafite ubumuga, urw'Imitwe ya Politiki yemewe mu Rwanda(N.F.P.O), urw'Abikorera,urw'Amasendika,urwa Sosiyete sivile,urw'Amakoperative, urw'Amadini n'Amatorero,urw'Itangazamakuru,urw'Abahanzi n'Abanyabugeni, n'urw'Abarimu n'abashakashatsi bo muri Kaminuza n'Amashuri Makuru; urw'Amashuri Yisumbuye n'Abanza,urw'Inzego za Leta n'urw'inzego z'abikorera.

**UMUTWEIII**: **INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKOREREY'INZEGO ZA PAM–RWANDA**

**ICYICIROCYAMBERE: INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE Y'INZEGO ZA PAM –RWANDA KU RWEGO RW'IGIHUGU**

**Ingingo ya13**: **Inzego za PAM Rwanda ku rwego rw'Igihugu**

PAM-Rwanda, ku rwego rw'Igihugu, ifite inzego zikurikira:

1. Inama Nkuru;
2. Inama Njyanama;
3. Komite Nyobozi;
4. Ubunyamabanga Bukuru;
5. Komite Ngenzuzi
6. Komite Ngengamyitwarire;
7. Urwego Ngishwanama;

**Akiciro ka mbere: Inshingano, Imiterere n'Imikorere by'Inama Nkuru**

**Ingingo ya14**: **Inshingano z'Inama Nkuru**

Inama Nkuru, nk'urwego rukuru rwa PAM–Rwanda ifite inshingano zikurikira:

1. Kugena politiki n'imirongo ngenderwaho ya PAM muRwanda;
2. Gusuzuma no kwemeza gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari yabyo y'imyaka itatu (3);
3. Gusuzuma no kwemeza gahunda y'igenamigambi (plan strategique/Strategic plan);
4. Kugena ingano y'imisanzu y'abanyamuryango;
5. Kwakira no gusuzuma raporo y'ibikorwa n'iy'imikoreshereze y'imari bya PAM –Rwanda;
6. Kwakira raporo ya Komite Ngenzuzi n'iya Komite Ngengamyitwarire;

7. Gusuzuma no kwemeza amategeko ngengamikorere ya PAM-Rwanda;
8. Gutora abagize Komite Nyobozi batorwa no kuvanaho umwe cyangwa bose igihe batarangiza inshingano zabo neza;
9. Kwemeza abagize Komite Nyobozi bahagarariye inzego zihariye;
10. Kwemeza no kuvugurura amategeko shingiro n'amategeko ngengamikorere ya PAM-Rwanda.

**Ingingo ya 15**:**Imiterere y'Inama Nkuru**

Inama Nkuru igizwe n'aba bakurikira:

1. Abagize Inama Njyanama za PAM –Rwanda
2. Abagize Biro za PAM – Rwanda mu Turere ;
3. Abagize Komite Ngenzuzi;
4. Abagize Komite Ngengamyitwarire;
5. Abahagarariye Amadini n'Amatorero;
6. Abahagarariye Imiryango Nyarwanda itari iya Leta ;
7. Abahagarariye abikorerera
8. Abahagarariye abahanzi n‘ abanyabugeni;
9. Abahagarariye itangazamakuru;
10. Abahagarariye sendika;
11. Abahagarariye Ihuriro ry'Imitwe ya Politiki yemewe mu Rwanda;
12. Abahagarariye PAM –Rwanda ku rwego rw'Akarere;
13. Abahagarariye Abarimu Perezida wa PAM –Rwanda muri Kaminuza n'Amashuri Makuru;
14. Abahagarariye Abanyeshuri Perezida wa PAM –Rwanda muri Kaminuza n'Amashuri Makuru;
15. Abahagarariye Abaperezida ba PAM –Rwanda ku rwego rw'Imirenge;
16. Abahagarariye abagize Inama Ngishwanama;

Umubare w‘abahagarariye Inzego ziteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo wemezwa na Komite Nyobozi ya PAM –Rwanda ku rwego rw'Igihugu.

Komite Nyobozi ya PAM –Rwanda ku rwego rw'Igihugu ishobora gutumira abandi yabona ko ari ngombwa.

Mu Nama y'Inama Nkuru hagomba kuba harimo nibura 30% by‘abagore

**Ingingo ya 16**: **Imikorere y'Inama Nkuru**

Inama Nkuru iterana rimwe mu myaka itatu (3) mu nama isanzwe n'ikindi gihe cyose bibaye ngombwa. Ishobora guterana mu nama idasanzwe bisabwe na ½ cy'abagize Komite Nyobozi .

Inama y'Inama Nkuru itumizwa kandi ikayoborwa n'Umuyobozi wa PAM -Rwanda.

Inama y'Inama Nkuru itumizwa hasigaye nibura iminsi mirongo itatu (30 ) ngo iterane.

Inama Nkuru iterana iyo hari nibura bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize.

Ibyemezo by'Inama Nkuru bifatwa ku bwumvikane busesuye bw'abari mu nama. Iyo ubwumvikane budashoboye kuboneka, ibyemezo bifatwa binyuze mu matora ku bwiganze bw'abari mu nama. Icyakora, kwemeza kuvugurura Amategeko Shingiro byemezwa na bibiri bya gatatu (2/3) by'abagize Inama Nkuru.

Uko byagenda kose, ibyemezo byafashwe bishyirwa mu bikorwa n'abo bireba bose.

**Akiciro ka II**: **Inshingano, Imiterere n'imikorere by'Inama Njyanama**

**Ingingoya17: Inshingano z'Inama Njyanama**

Inama Njyanama ya PAM-Rwanda ifite inshingano zikurikira:

1. Gukurikirana imikorere y'abagize biro ya PAM–Rwanda;
2. Gufata ibyemezo byihutirwa mu nyungu za PAM–Rwanda mu gihe cyose Inama Nkuru itaraterana;
3. Guhagarika by'agateganyo umwe cyangwa benshi/bose mu bagize Inama Nyobozi mu gihe batarangiza inshingano zabo neza cyangwa iyo bitwara nabi;
4. Gutora, gusimbura no kwemeza by'agateganyo umwe, abarenze umwe cyangwa bose mu bagize Komite Nyobozi mu gihe batakiri mu myanya yabo kubera impamvu zinyuranye;
5. Gutanga ibitekerezo ku mishanga ishyikirizwa Inama Nkuru kugira ngo iyemeze;
6. Gukora ibindi yasabwa n'Inama Nkuru bijyanye n'inshingano zayo.

Inama Nyanama ya PAM–Rwanda ishingiye ku byifuzo bya Biro ya PAM–Rwanda ku rwego rw'Igihugu igena kandi ibyorohereza ugiye mu butumwa bw'akazi ka PAM –Rwanda kugira ngo ashobore kurangiza inshingano yahawe.

Umwe mu bagize Komite Nyobozi urebwa n'ikibazo cyo guhagarikwa by'agateganyo ntiyitabira inama isuzuma ikibazo cye.

**Ingingoya18:Imitererey'Inama Njyanama**

Inama Njyanama ya PAM-Rwanda igizwe n'aba bakurikira:

1. Abagize Komite Nyobozi ya PAM- Rwanda ku rwego rw'Igihugu;
2. Abandi bagize biro ya za Komisiyo za PAM- Rwanda ku rwego rw'Igihugu;
3. Abagize biro ya PAM- Rwanda ku rwego rw'Uturere;
4. Abagize biro ya PAM- Rwanda ku nzego zihariye;
5. Abandi bagize biro ya Komite Ngengamyitwarire ya PAM- Rwanda ku rwego rw'Igihugu;
6. Abandi bagize biro ya Komite Ngenzuzi ya PAM- Rwanda ku rwego rw'Igihugu;
7. Abagize Inama Ngishwanama ya PAM- Rwanda;

Komite Nyobozi ya PAM –Rwanda ku rwego rw'Igihugu ishobora gutumira abandi yabona ko ari ngombwa

Mu Nama Njyanama ya PAM –Rwanda hagomba kuba harimo mibura 30% by'abagore

**Ingingoya19:Imikorerey'Inama Njyanama**

Inama Njyanama iterana rimwe mu mwaka mu nama isanzwe n'ikindi gihe cyose bibaye ngombwa. Ishobora guterana mu nama idasanzwe bisabwe na ½ cy'abagize Komite Nyobozi cyangwa 2/3 by'abagize Inama Nyanama.

Inama Njyanama itumizwa kandi ikayoborwa n'Umuyobozi wa PAM -Rwanda.

Inama y'Inama Njyanama itumizwa hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) ngo iterane kandi iterana iyo hari nibura bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize.

Ibyemezo by'Inama Njyanama bifatwa ku byumvikane busesuye bw'abari mu nama**.** Iyo ubwumvikane budashoboye kuboneka, ibyemezo bifatwa binyuze mu matora ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'abari mu nama.

Uko byagenda kose, ibyemezo byafashwe bishyirwa mu bikorwa n'abo bireba bose.

**Ingingo ya 20: Inshingano Komite Nyobozi**

Komite Nyobozi ifite inshingano zikurikira:

1. Kuyobora PAM –Rwanda;
2. Gushaka umutungo;
3. Gutegura gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari byayo bya buri mwaka n'iby'imyaka itatu(3);
4. Gutegura gahunda y'ibikorwa by'igihe kirekire ( Plan strategique);
5. Kwemeza Inzego z'imirimo ya PAM –Rwanda;
6. Gushyiraho Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa PAM- Rwanda no kwemeza abandi bakozi;
7. Gutegura imishinga y'amageko agenga PAM-Rwanda kugira ngo ishyikirizwe Inama Nkuru nyuma yo kumva icyo Inama Njyanama ibivugaho;
8. Gukurikirana imikorerere y'inzego zihariye;
9. Kwemeza umushinga w'amabwiriza ahindura cyangwa yuzuza amabwiriza agenga imikorere y'inzego za PAM-Rwanda;
10. gukora ibindi yasabwa n'Inama Nkuru cyangwa Inama Njyanama.

**Ingingo ya 21: Imiterere ya Komite Nyobozi**

Komite Nyobozi igizwe n'aba bakurikira:

1. Biro ya PAM –Rwanda ku rwego rw'Igihugu;
2. Komiseri ushinzwe imari n'umutungo;
3. Komiseri ushinzwe ubukangurambaga n'amahugurwa;
4. Komiseri ushinzwe Itumanaho;
5. Komiseri ushinzwe Abagore;
6. Komiseri ushinzwe Urubyiruko n'abanyeshuri;
7. Komiseri ushinzwe Sosiyete Sivile

8. Komiseri ushinzwe Amadini
9. Komiseri ushinzwe Abikorera
10. Komiseri ushinzwe Imitwe ya Politiki;
11. Komiseri ushinzwe Amasendika;
12. Komiseri ushinzwe Ubahanzi n'Ubanyabugeni;
13. Komiseri ushinzwe abantu bafite ubumuga;
14. Komiseri ushinzwe Abarimu n'Abashakashatsi muri za Kaminuza.
15. Komiseri ushinzwe Politiki n'Imiyoborere Myiza
16. Komiseri ushinzwe Ubumwe bwa Politike n'Imibanire ku rwego rw'Isi
17. Komiseri ushinzwe Amahoro n'Umutekano
18. Komiseri ushinzwe Ubukungu n'Ubucuruzi
19. Komiseri ushinzwe Uburezi,
20. Komiseri Ushinzwe Ubuzima n'Imibereho Myiza;
21. Perezida wa Komite Ngenzuzi;
22. Perezida wa Komite Ngengamyitwarire.

Muri Komite Nyobozi hagomba kuba harimo nibura 30% by'abagore

**Ingingo ya 22: Imikorere ya Komite Nyobozi**

Komite Nyobozi iterana rimwe mu gihemwe mu nama isanzwe n'ikindi gihe cyose bibaye ngombwa. Ishobora guterana mu nama idasanzwe bisabwe na ½ cy'abagize Komite Nyobozi.

Inama za komite Nyobozi zitumizwa kandi zikayoborwa n'Umuyobozi wa PAM - Rwanda.

Inama ya Komite Nyobozi itumizwa hasigaye nibura iminsi irindwi (7) ngo iterane kandi iterana iyo hari nibura kimwe cya kabiri (1/2) cy'abayigize. Iki gihe gishobora kutubahirizwa iyo biro ya PAM-Rwanda isanga byihutirwa.

Ibyemezo bya Komite Nyobozi bifatwa ku bwumvikane busesuye. Iyo ubwumvikane budashoboye kuboneka, ibyemezo bifatwa ku bwiganze bw'amajwi y'abari mu nama.

**Akiciro ka IV**: **Inshingano, Imiterere n'imikorere ya Biro ya PAM-Rwanda**

**Ingingoya23: Inshingano za Biro ya PAM-Rwanda**

Biro ya PAM-Rwanda ifite inshingano zikurikira:

1. Kuyobora PAM-Rwanda bya buri munsi;
2. Gutegura inama z'Inama Nkuru; iz'Inama Njyanama n'iza Komite Nyobozi;
3 Gukora ibindi yasabwa n'Inama Nkuru; Inama Njyanama, cyangwa Komite

Nyobozi bijyanye n'inshingano za PAM–Rwanda.

**Ingingo ya 24 : Imitere ya Biro ya PAM-Rwanda:**

Biro ya PAM –Rwanda Igizwe n'aba bakurikira:

1. Umuyobozi ;
2. Umuyobozi Wungirije ;
3. Umunyamabanga Mukuru.

Nibura umwe mu bagize Biro ya PAM –Rwanda agomba kuba ari umugore.

**Ingingo ya 25: Inshingano z'abagize Biro ya PAM-Rwanda**

Umuyobozi wa PAM-Rwanda niwe utumiza kandi akayobora Inama Nkuru,Inama Njyanama, Komite Nyobozi za PAM-Rwanda ku rwego rw'Igihugu.Niwe uhagarariye PAM-Rwanda imbere y'amategeko.

Umuyobozi Wungirije yunganira Umuyobozi wa PAM-Rwanda mu buyobozi bw'inama. Asimbura Umuyobozi wa PAM–Rwanda iyo adahari. Ariko by'umwihariko ashinzwe gukurikirana ibikorwa bya PAM–Rwanda n'imikorere ya za Komisiyo za PAM –Rwanda ku rwego rw'Igihugu usibye Komisiyo ishinzwe imari n'umutungo na Komisiyo y'itumanaho. Akora kandi n'ibindi yasabwa n'Inama Nyobozi bijyanye n'inshingano ze.

Umunyamabanga Mukuru wa PAM –Rwanda ashinzwe cyane cyane ibi bikurikira:

1. Gukurikirana ku rwego rw'Igihugu, imikorere ya Komisiyo ishinzwe imari n'umutungo na Komisiyo y'itumanaho ;
2. Gukurikirana imikererere ya buri munsi y'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwa PAM –Rwanda;
3. Gushaka no kongera umutungo wa PAM – Rwanda;
4. Gukurikirana imikoreshereze y'umutungo wa PAM- Rwanda;
5. Gukurikirana imikorere ya za Komisiyo n'iy'inzego z'imitegekere za PAM-Rwanda;
6. Gutegura raporo ya PAM –Rwanda ku rwego rw'Igihugu;
7. Gukora ibindi yasabwa n'inzego zimukuriye zijyanye n'inshingano ze.

.

**Ingingo ya 26**: **Imikorere ya Biro ya PAM-Rwanda**

Biro terana kabiri mu kwezi mu nama isanzwe n'ikindi gihe cyose bibaye ngombwa.Ishobora guterana mu nama idasanzwe bisabwe na ½cy'abagize Biro.

Inama ya Biro itumizwa kandi ikayoborwa n'Umuyobozi kandi iterana iyo hari nibura bibirin bya gatatu (2/3) by'abayigize.

Inama ya Biro itumizwa hasigaye nibura iminsi ibiri (2) ngo iterane.Icyakora, ishobora no gutumizwa mu buryo bwihutirwa bitabaye ngombwa ko iki gihe cyubahirizwa. Icyo

gihe. Umuyobozi wa PAM-Rwanda asobanura impavu za byo, abayitabiriye bagafata umwanzuro ko inama iba cyangwa yatumizwa ikindi gihe.

Ibyemezo bya Biro bifatwa ku bwumvikane busesuye.Iyo ubwumvikane budashoboye kuboneka, ibyemezo bifatwa binyuze mu matora kubwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'abari mu nama.

Icyakora, iyo ar~~i a~~bantu babiri bitabiriye inama, hagomba gukorwa ibishoboka byose kugira ngo ubwumvikane busesuye buboneke.Iyo butabonetse, ingingo yagibwagaho impaka irasubikwa, ikazasubukurwa mu nama ikurikiyeho.

Abagize Biro batanga raporo buri gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa ku rwego rwisumbuye rwa PAM-Rwanda.

**Akiciroka V**: **Inshingano, Imiterere n'imikorere y'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwa PAM-Rwanda**

**Ingingo ya 27: Inshingano, Imiterere n'imikorere y'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa]**

Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwa PAM–Rwanda bugizwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa n'abandi bakozi ba ngombwa. Bukorera ku rwego rw'Igihugu kandi bukurikiranwa n'Umunyamabanga Mukuru wa PAM-Rwanda ku rwego rw'Igihugu.

Inshingano, imiterere n'imikorere y'inzego z'imirimo z'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bigenwa n'amabwiriza ya Perezida wa PAM–Rwanda.Aya mabwiriza agena kandi n'imicungire y'abakozi ba PAM-Rwanda.

**Akiciro ka VI: Inshingano, Imiterere n'Imikorere ya Komite Ngenzuzi**

**Ingingo ya 28**: **Inshingano za Komite Ngenzuzi ya PAM–Rwanda**

Komite Ngenzuzi ifite inshingano y'ingenzi yo kugenzura imikorere y'inzego z'ubuyobozi za PAM–Rwanda ku nzego zayo zose, ibyibwirije cyangwa ibisabwe n'Inama Nkuru, Inama Njyanama, Komite Nyobozi cyangwa Biro ya PAM–Rwanda ku rwego rw'Igihugu. Ishinzwe kandi kugenzura imikoreshereze y'imari n'umutungo bya PAM – Rwanda.

**Ingingoya29: Imiterere ya Komite Ngenzuzi ya PAM-Rwanda**

Komite Ngenzuzi igizwe n'abanyamuryango ba PAM-Rwanda batanu (5) barimo nibura 30% by'abagore. Ifite Biro igizwe n'abantu batatu ari Perezida, Visi Perezida n'umwanditsi; muri bo umwe agomba kuba ari umugore.

**Ingingoya30: Imikorere ya Komite Ngenzuzi ya PAM-Rwanda**

Komite Ngenzuzi iterana rimwe mu mezi atatu 3) n'igihe cyose bibaye ngombwa. Itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida wayo.Iterana ari uko hari nibura bibiri bya gatatu by'abayigize(2/3).

Ibyemezo byayo bifatwa ku bwumvikane busesuye.Iyo ubwumvikane busesuye butabonetse, ibyemezo bifatwa binyuze mu matora ku bwiganze burunduye bw'amajwi bw'abari mu nama.

Komite Ngenzuzi ishyikiriza raporo, Umuyobozi wa PAM–Rwanda buri gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa.

**Akiciro ka VII: Inshingano, Imiterere n'imikorereya Komite Ngengamyitwarire**

**Ingingo ya 31**: **Inshingano za Komite Ngengamyitwarire ya PAM–Rwanda**

Komite Ngengamyitwarire ifite inshingano yo kugenzura imyitwarire y'abanyamuryango ba PAM –Rwanda ku nzego zose, ibyibwirije cyangwa ibisabwe n'Inama Nkuru, Inama Njyanama, Komite Nyobozi cyangwa biro ya PAM-Rwanda ku rwego rw'Igihugu.

Ifite kandi inshingano yo gukumira no kugemura amakimbirane yavuka mu muryango PAM-Rwanda.

**Ingingo ya 32**: **Imiterere ya Komite Ngengamyitwarire ya PAM-Rwanda ku rwego rw'Igihugu**

Komite Ngengamyitwarire igizwe n'abanyamuryango ba PAM-Rwanda batanu (5) barimo nibura 30% by'abagore. Ifite Biro igizwe n'abantu batatu ari Perezida, Visi Perezida n'umwanditsi; muri bo, nibura umwe muri bo agomba kuba ari umugore.

**Ingingo ya 33: Imikorere ya Komite Ngengamyitwarire ya PAM-Rwanda ku rwego rw'Igihugu**

Komite Ngengamyitwarire iterana rimwe mu mezi atatu (3) n'igihe cyose bibaye ngombwa.Itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida wayo.Iterana ari uko hari nibura bibiri bya gatatu by'abayigize (2/3).

Ibyemezo byayo bifatwa ku bwumvikane busesuye.Iyo ubwumvikane busesuye butabonetse, ibyemezo bifatwa binyuze mu matora ku bwiganze burunduye bw'amajwi bw'abari mu nama.

Komite Ngengamyitwarire ishyikiriza raporo Umuyobozi wa PAM–Rwanda buri gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa.

**Akiciro ka VIII**: **Inshingano, Imiterere n'Imikorere y'Urwego Ngishwanama**

**Ingingo ya 34**: **Inshingano z'urwego Ngishwanama rwa PAM–Rwanda**

Urwego Ngishwanama rufite inshingano yo kugira inama Umuyobozi wa PAM – Rwanda mu bijyanye n'imikorere y'inzego z'ubuyobozi za PAM-Rwanda mu gushyira mu bikorwa inshingano za PAM-Rwanda. Umuyobozi wa PAM –Rwanda ashobora guha inshingano yihariye abagize uru rwego.

**Ingingo ya 35**: **Imiterere y'urwego Ngishwanama ya PAM-Rwanda**

Urwego Ngishwanama ya PAM–Rwanda rugizwe n'abantu batoranywa mu banyamuryango ba PAM–Rwanda bakemezwa na Komite Nyobozi.Ifite Biro igizwe na Perezida na Visi Perezida.Umunyamabanga Mukuru wa PAM-Rwanda niwe mwanditsi wayo.

**Ingingo ya 36**: **Imikorere y'urwego Ngishwanama rwa PAM-Rwanda**

Urwego Ngishwanama ruri ku rwego rw'Igihugu gusa.

Urwego Ngishwanama ruterana mu nama yarwo rimwe mu mezi atatu (3) n'igihe cyose bibaye ngombwa.Inama yarwo itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida warwo .Iterana ari uko hari nibura bibiri bya gatatu by'abarugize (2/3).

Ibyemezo byarwo bifatwa kubwumvikane busesuye.

**Akiciroka IX: Inshingano,Imiterere n'Imikorere ya Komisiyo zihoraho za PAM Rwanda**

**Ingingo ya 37**: **Inshingano Rusange za Komisiyo**

Inshingano rusange za Komisiyo ya PAM–Rwanda ni izi zikurikira:

1. Kugena gahunda y'ibikorwa bya buri mwaka;
2. Gusesengura ibibazo yagejejweho n'Inama Nkuru, Inama Njyanama cyangwa Biro ya PAM-Rwanda ku rwego rw'Igihugu;
3. Gushyira mu bikorwa ibyemezo by'inzego nkuru za PAM-Rwanda;
4. Gukora raporo y'ibikorwa ishyikirizwa Perezida wa PAM–Rwanda;
5. Gukora ibindi yasabwa n'inzego Nkuru za PAM-Rwanda.

Inshingano zihariye za buri Komisiyo zishyirwaho n'amabwiriza ya Peresida wa PAM- Rwanda.

**Ingingo ya 38: Imiterere ya Komisiyo**

Ku rwego rw'Igihugu rwa PAM–Rwanda, hashyizweho Komisiyo zihoraho zikurikira:

1. Komisiyo ishinzwe imari n'umutungo;
2. Komisiyo ishinzwe ubukangurambaga n'amahugurwa;
3. Komisiyo ishinzwe Itumanaho;
4. Komisiyo ishinzwe uburinganire n'iterambere ry'umugore;
5. Komisiyo ishinzwe Urubyiruko n'abanyeshuri;
6. Komisiyo ishinzwe SosiyeteSivile

7. Komisiyo ishinzwe Amadinin'Amatorero;
8. Komisiyo ishinzwe Abikorera;
9. Komisiyo ishinzwe ImitweyaPolitiki;
10. Komisiyo ishinzwe Amasendika;
11. Komisiyo ishinzwe Ubahanzi n'Ubanyabugeni;
12. Komisiyo ishinzwe abantu bafite ubumuga;
13. Komisiyo ishinzwe Abarimu n'Abashakashatsi muri za Kaminuza;
14. Komisiyo ishinzwe Politiki n'Imiyoborere Myiza;
15. Komisiyo ishinzwe Ubumwe bwa Politike n'Imibanire ku rwego rw'Isi;
16. Komiseri ushinzwe Amahoro n'Umutekano;
17. Komisiyo ishinzwe Ubukungu, Ubucuruzi n'ibidukikije;
18. Komisiyo ishinzwe Ubuzima n'Imibereho Myiza.
19. Komisiyo ishinzwe Uburezi

Inama Nyobozi ishobora gushyiraho Komisiyo idasanzwe yiga gusa ikibazo yasabwe gusesengura.Igihe itangirira akazi n'igihe izakarangiriza bigenwa n'urwego rwayishyizeho.

Buri munyamuryango afite uburenganzira bwo kwiyandikisha muri Komisiyo ashatse ariko Biro niyo yemeza bwa nyuma abayigize. Biro ya PAM-Rwanda ishobora guhindurira umuntu Komisiyo yiyandikishijemo ishingiye ku bushobozi imukeneyeho muri Komisiyo iyi n'iyi.

Buri Komisiyo yitoramo Biro igizwe na Perezida, Visi Perezida n'Umwanditsi. Umwe muribo agomba kuba nibura ari umugore.

**Ingingo ya 39**: **Imikorere ya Komisiyo**

Buri Komisiyo igira abayigize batarenze cumi na batanu (15). Iterana rimwe mu kwezi (1) n'igihe cyose bibaye ngombwa. Itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida wayo.Iterana ari uko hari nibura mirongo itanu ku ijana ry'abayigize (50%) hiyongereyeho umuntu umwe(1).

Ibyemezo byayo bifatwa ku byumvikane busesuye. Iyo ubwumvikane busesuye butabonetse, ibyemezo bifatwa binyuze mu matora kubwiganze burunduye bw'amajwi bw'abari mu nama.

Komisiyo ishobora kwiremamo amatsinda kugira ngo ishobore kwihutisha gushyira mu bikorwa inshingano zayo.

## ICYICIROCYA II: INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE Y'INZEGO ZIHARIYE ZA PAM-RWANDA

**Ingingo40**: **Inzego zihariye za PAM-RWANDA**

Inshingano, imiterere n'imikorere y'inzego zihariye za PAM-Rwanda zidateganyijwe n'aya Mategeko Ngengamikorere bigenwa n'amabwiriza yihariye y'Umuyobozi wa PAM–Rwanda.

**ICYICIROCYA III: INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE Y'INZEGO Z'UBUYOBOZI ZA PAM–RWANDA KU NZEGO Z'IMITEGEKERERE Y'IGIHUGU**

Ingingo41: **Inzego z'ubuyozi za PAM–Rwanda ku nzego z'imitegekere y'Igihugu**

Inzego z'ubuyobozi za PAM–Rwanda ziri ku rwego rw'Akarere, urw'Umurenge, urw'Akagari n'urw'Umudugudu ni izi zikurikira:

1. Inama Rusange ya PAM-Rwanda;
2. Inama Nyobozi.
3. Komisiyo zihoraho.

**Akiciro ka mbere**: **Inshingano, Imiterere n'Imikorere y'Inama Rusange ku nzego z'Imitegekere y'Igihugu**

**Ingingoya42: Inshingano z'Inama Rusange ya PAM–Rwanda ku rwego rw'Akarere**

Inama Rusange ku rwego rw'Akarere ifite inshingano z'ingenzi zikurikira:

1. Gushyira mu bikorwa inshingano za PAM-Rwanda;
2. Gusuzuma no kwemeza gahunda y'ibikorwa bya buri mwaka n'ingengo y'imari byayo;
3. Kwakira no gusuzuma raporo y'ibikorwa bya buri mwaka bitarenze amezi atatu (3) akurikira umwaka  w'ibikorwa;
4. Gufata ingamba zituma ibyemezo byafashwe n'inzego zikuriye urwego rw'Akarere bishyirwa mu bikorwa.
5. Gutora abagize Inama Nyobozi y'Akarere ya PAM–Rwanda no kubavanaho iyo batarangiza inshingano zabo neza.
6. Gukora ibindi yasabwa n'inzego nkuru za PAM–Rwanda ku rwego rw'Igihugu bijyanye n'inshingano zayo.

**Ingingo ya 43: Inshingano z'Inama Rusange ya PAM–Rwanda ku rwego rw'Umurenge**

1. Gushyira mu bikorwa inshingano za PAM-Rwanda;
2. Gusuzuma no kwemeza gahunda y'ibikorwa bya buri mwaka n'ingengo y'imari yabyo;
3. Kwakira no gusuzuma raporo y'ibikorwa bya buri mwaka bitarenze amezi atatu akurikira umwaka w'ibikorwa;
4. Gutora abagize Inama Nyobozi y'Umurenge no kubavanaho iyo batarangiza inshingano zabo neza;
5. Gufata ingamba zituma ibyemezo byafashwe n'inzego zikuriye urwego rw'Umurenge bishyirwa mu bikorwa

6. Gukora ibindi yasabwa n'Inzego ziyikuriye bijyanye n'inshingano zayo.

**Ingingo ya 44: Inshingano z'Inama Rusange ya PAM–Rwanda ku rwego rw'Akagari**

1. Gushyira mu bikorwa inshingano za PAM-Rwanda;
2. Gusuzuma no kwemeza gahunda y'ibikorwa bya buri mwaka n'ingengo y'imari yabyo;
3. Kwakira no gusuzuma raporo y'ibikorwa bya buri mwaka bitarenze amezi atatu akurikira umwaka w'ibikorwa;
4. Gutora abagize Inama Nyobozi y'Akagari no kubavanaho iyo batarangiza inshingano zabo neza;
5. Gufata ingamba zituma ibyemezo byafashwe n'inzego zikuriye urwego rw'Akagari bishyirwa mu bikorwa,
6. Gukora ibindi yasabwa n'Inzego ziyikuriye bijyanye n'inshingano zayo.

**Ingingo ya 45**: **Inshingano z'Inama Rusange ya PAM–Rwanda ku rwego rw'Umudugudu**

1. Gushyira mu bikorwa inshingano za PAM-Rwanda;
2. Gusuzuma no kwemeza gahunda y'ibikorwa bya buri mwaka n'ingengoy'imari yabyo;
3. Kwakira no gusuzuma raporo y'ibikorwa bya buri mwaka bitarenze amezi atatu akurikira umwaka w'ibikorwa;
4. Gutora abagize Inama Nyobozi y'Umudugudu no kubavanaho iyo batarangiza inshingano zabo neza;
5. Gufata ingamba zituma ibyemezo byafashwe n'inzego zikuriye urwego rw'Umudugudu bishyirwa mu bikorwa;
6. Gukora ibindi yasabwa n'Inzego ziyikuriye bijyanye n'inshingano zayo.

**Ingingo ya 46**: **Imitererey'Inama Rusange ya PAM–Rwanda ku rwego rw'Akarere**

Inama Rusange ya PAM–Rwanda ku rwego rw'Akarere igizwe n'ababakurikira:

1. Abagize biro bose za PAM–Rwanda ku rwego rw'Imirenge igize Akarere;
2. Abagize biro za PAM-Rwanda kurwego rw'Utugari tugize Imirenge igize Akarere;

3. Abaperezida ba PAM-Rwanda ku rwego rw'Imidugudu igize Akarere;
4. Komite Nyobozi yaPAM–Rwanda y'Urubyiruko kurwego rw'Akarere;
5. Komite NyoboziyaPAM–Rwanday'abagore ku rwego rw'Akarere;
6. Komite NyoboziyaPAM–Rwanda y'abantu bafite ubumuga ku rwego rw'Akarere;
7 .Abandi b'abanyamuryango ba PAM–Rwanda Umuyobozi wa PAM–Rwanda ku rwego rw'Akarere yasanga ari ngombwa.

**Ingingo ya 47**: **Imiterere y'Inama Rusange ya PAM-Rwanda ku rwego rw'Umurenge**

Inama Rusange ya PAM–Rwanda ku rwego rw'Umurenge igizwe n'ababakurikira:

1. Abagize biro bose za PAM–Rwanda ku rwego rw'Utugari tugize Umurenge;
2. Abaperezida ba PAM-Rwanda ku rwego rw'Imidugudu igize Umurenge.

**Ingingoya48: Imiterere y'Inama RusangeyaPAM-Rwanda ku rwego rw'Akagari**

Inama Rusange ya PAM–Rwanda ku rwego rw'Akagari igizwe n'Abagize biro bose za PAM–Rwanda ku rwego rw'Imidugudu igize Akagari.

Ingingo ya 49: **Imiterere y'Inama Rusange ya PAM-Rwanda ku rwego rw'Umudugudu**

Inama Rusange ku rwego rw'Umudugudu igizwe n'abanyamuryango bose ba PAM-Rwanda batuye mu Mudugudu n'ubwo baba bari mu zindi nzego za PAM-Rwanda.

**Akiciro ka II: Imikorere y'Inama Rusange**

**Ingingo ya 50**: **Imikorere y'Inama Rusange ya PAM-Rwanda ku nzego z'imitegekere y'Igihugu**

Inama Rusange iterana rimwe(1)mu mwaka mu nama isanzwe n'ikindi gihe cyose bibaye ngombwa.Ishobora guterana mu nama idasanzwe bisabwena½cy'abagize Inama Nyobozi cyangwa 2/3by'abayigize.

Inama Rusange itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida wa PAM-Rwanda ku rwego iriho.

Inama y'Inama Rusange itumizwa hasigaye iminsi cumi n'itatu (15 ) ngo iterane kandi iterana iyo hari nibura mirongo itanu ku ijana by'abayigize(50%)hiyongereyeho umuntu umwe(1).

Ibyemezo by'Inama Rusange bifatwa k bwumvikane busesuye.Iyo ubwumvikane budashoboye kuboneka, ibyemezo bifatwa binyuze mu matora ku bwiganze burunduye bw'amajwi by'abari mu nama.
Abatumiwe b'abanyamuryango ba PAM–Rwanda bateganywa n'aya Mategeko Ngengamikorere bemerewe nabo gutora.

Uko byagenda kose, ibyemezo byafashwe bishyirwa mu bikorwa n'abo bireba bose.

**Akiciroka II**: **Inshingano z'Inama Nyobozi ya PAM-Rwanda ku nzego z'imitegekerere y'Igihugu**

**Ingingo ya 51**: **Inshingano z'Inama Nyobozi ya PAM–Rwanda ku rwego rw'Akarere**

Inama Nyobozi ku rwego rw'Akarere ifite inshingano z'ingenzi zikurikira:

1. Gushyira mu bikorwa inshingano za PAM-Rwanda;
2. Gufata ibyemezo byihutirwa igihe cyose Inama Rusange itaraterana;
3. Gushyira mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama Rusange;
4. Gukora ibindi yasabwa n'Inama Rusange ya PAM-Rwanda y'Akarere cyangwa Inzego Nkuru za PAM–Rwanda ku rwego rw'Igihugu.

**Ingingo ya 52**: **Inshingano z'Inama Nyobozi ya PAM–Rwanda rwego rw'Umurenge**

Inama Nyobozi ku rwego rw'Umurenge ifite inshingano z'ingenzi zikurikira:

1. Gushyira mubikorwa inshingano za PAM-Rwanda;
2. Gufata ibyemezo byihutirwa igihe cyose Inama Rusange itaraterana;
3. Gushyira mubikorwa ry'ibyemezo by'Inama Rusange;
4. Gukora ibindi yasabwa n'Inama Rusange ya PMA-Rwanda y'Umurenge cyangwa inzego nkuru za PAM–Rwanda ku rwego rw'Igihugu cyangwa urw'Akarere.

**Ingingo ya 53**: **Inshingano z'Inama Nyobozi ya PAM–Rwanda rwego rw'Akagari**

Inama Nyobozi ku rwego rw'Akagari ifite inshingano z'ingenzi zikurikira:

1. Gushyira mubikorwa inshingano zaPAM-Rwanda;
2. Gufata ibyemezo byihutirwa igihe cyose Inama Rusange itaraterana;
3. Gushyira mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama Rusange;

4. Gukora ibindi yasabwa n'Inama Rusange ya PMA-Rwanda y'Akagari cyangwa inzego Nkuru za PAM–Rwanda ku rwego rw'Igihugu, urw'Akarere n'urw'Umurenge.

**Ingingo ya 54: Inshingano z'Inama Nyobozi ya PAM–Rwanda rwego**

**rw'Umudugudu**

Inama Nyobozi ku rwego rw'Umudugudu ifite inshingano z'ingenzi zikurikira:

1. Gushyira mu bikorwa inshingano za PAM-Rwanda;

2. Gukurikirana imikorerey'abagizeBiro;

3. Gufata ibyemezo byihutirwa igihe cyose Inama Rusange itaraterana;

4 .Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama Rusange;

4. Gukora ibindi yasabwa n'Inama Rusange ya PMA-Rwanda y'Umudugudu cyangwa Inzego Nkuru za PAM–Rwanda ku rwego rw'Igihugu, urw'Akarere, urw'Umurenge n'urw'Akagari.

**Ingingo ya 55**: **Imiterere y'Inama Nyobozi ku rwego rw'Inzego z'Imitegekere y'Igihugu**

Inama Nyobozi ya PAM-Rwanda ku nzego z'Imitegekerey'Igihugu igizwe n'aba bakurikira :

1. Biro ya PAM–Rwanda igizwe n'Umuyobozi, Umuyobozi wungirije n'umwanditsi;
1. Ukuriye Komisiyo ishinzwe imarI in'umutungo;
2. Ukuriye Komisiyo ishinzwe ubukangurambaga n'amahugurwa;
3. Ukuriye Komisiyo ishinzwe uburinganire n'iterambere ry'umugore;
4. Ukuriye Komisiyo ishinzwe Urubyiruko;
5. Ukuriye Komisiyo ishinzwe Sosiyete Sivile
6. Ukuriye Komisiyo ishinzwe Amadinin'Amatorero;
7. Ukuriye Komisiyo ishinzwe iterambere ry'ubukungu;
8. Ukuriye Komisiyo ishinzwe Umuco n'Ubanyabugeni;
9. Ukuriye Komisiyo ishinzwe abantu bafite ubumuga;
10. Ukuriye Komisiyo ishinzwe Imiyoborere Myiza;
11. Ukuriye Komisiyo ishinzwe iterambere ry'Imibereho Myiza;
12. Ukuriye Komisiyo ishinzwe amakuru.
13. Ukuriye Komisiyo ishinzwe uburezi.

Inama Nyobozi kuri buri rwego rw'Imitegekerey'Igihugu rwa PAM-Rwanda igena abajya muri buri Komisiyo ya PAM-Rwanda ku rwego iriho.

Umuyobozi wa PAM-Rwanda niwe utumiza kandi akayobora inama y'Inama Rusange n'inama y'Inama Nyobozi kuri urwo rwego.

Umuyobozi wungirije yunganira Umuyobozi wa PAM-Rwanda ku rwego ariho mu buyobozi bw'inama. Asimbura Umuyobozi wa PAM–Rwanda iyo Adahari. Ariko by'umwihariko, ashinzwe gukurikirana ibikorwa bya PAM–Rwanda n'imikorere ya za Komisiyo zose za PAM-Rwanda kuri urwo rwego. Akora kandi n'ibindi yasabwa n'Inama Rusange cyangwa Inama Nyobozi bijyanye n'inshingano ze.

Umwanditsi ashinzwe gushaka, gucunga no kongera umutungo waPAM-Rwanda ku rwego ariho no gukurikirana imikoreshereze yawo.Akora kandi n'ibindi yasabwa n'Inama Nyobozi bijyanye n'inshingano ze.Niwe mwanditsi w'inama z'Inama Rusange n'Inama Nyobozi.

Nibura umwe mu bagize Biro agomba kuba ari umugore`

**Ingingo ya 56: Imikorere y'abagize Biro ya PAM–Rwanda ku nzego z'imitegekere y'Igihugu**

Abagize biro ya PAM-Rwanda ku nzego z'imitegekere y'Igihugu baterana rimwe (1) mu kwezi mu nama isanzwe n'ikindi gihe cyose bibaye ngombwa. Bashobora guterana mu nama idasanzwe bisabwe na½ cy'abagize Biro.

Inama ya Biro kuri izi nzego itumizwakandi ikayoborwan'Umuyobozi wayo kandi iterana iyo hari nibura bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize.

Inama ya Biro itumizwa hasigaye nibura iminsi cumi (10) ngo iterane.Icyakora, ishobora no gutumizwa mu buryo bwihutirwa bitabaye ngombwa ko iki gihe cyubahirizwa.Icyo gihe, Umuyobozi w'inama asobanura impavu zabyo, abayitabiriye bagafata umwazuro ko inama iba cyangwa yatumizwa ikindi gihe.

Ibyemezo by'abagize biro bifatwa ku bwumvikane busesuye.Iyo ubwumvikane budashoboye kuboneka, ibyemezo bifatwa binyuze mu matora ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'abari mu nama.

Icyakora, iyo ari abantu babiri bitabiriye inama, hagomba gukorwa ibishoboka byose kugira ngo ubwumvikane busesuye buboneke.Iyo butabonetse, ingingo yagibwagaho impaka irasubikwa,ikazasubukurwa mu nama ikurikiyeho.

Abagize Biro batanga raporo buri gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa ku rwego rwisumbuye rwa PAM-Rwanda.

**Ingingo ya 57**:**Imikorere y'Inama Nyobozi**

Inama Nyobozi iterana rimwe(1) mu kwezi mu nama isanzwe n'ikindi gihe cyose bibaye ngombwa.Ishobora guterana mu nama idasanzwe bisabwe na½cy'abagize Inama Nyobozi.

Inama z'Inama Nyobozi itumizwa kandi ikayoborwa n'Umuyobozi wa PAM –Rwanda kuri urwo rwego.

Inamay 'Inama Nyobozi itumizwa hasigaye nibura iminsi itanu (5)ngo iterane kandi iterana iyo hari nibura mirongo itanu ku ijana by'abayigize(50%)hiyongereyeho umuntu umwe(1).

Ibyemezo by'Inama Nyobozi bifatwa kubwumvikane busesuye.Iyo ubwumvikane budashoboye kuboneka, ibyemezo bifatwa binyuze mu matora kubwiganze burunduye bw'amajwi y'abari mu nama.

**Akiciro ka IV: Komisiyo zihoraho ku Nzego z'Imitegekere y'Igihugu**

**Ingingo ya 58: Inshingano za Komisiyo**

Inshingano za buri Komisiyo ya PAM–Rwanda ku nzego z'imitegekerey'Igihugu ni izi zikurikira:

1. Kugena gahunda y'ibikorwa bya buri mwaka;
2. Gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inzego Nkuru za PAM-Rwanda;
3. Gukora raporo y'ibikorwa ishyikirizwa Umuyobozi wa PAM–Rwanda;
4. Gukora ibindi yasabwa n'inzego Nkuru za PAM-Rwanda.

Inshingano zihariye za buri Komisiyo zigenwa n'amabwiriza y'Umuyobozi wa PAM – Rwanda ku rwego rw'Igihugu.

**Ingingo ya 59**: **Imiterere ya Komisiyo**

Ku nzego z 'imitegekere y'Igihugu za PAM–Rwanda, hashyizweho Komisiyo zihoraho zikurikira:

1. Komisiyo y'imari n'umutungo;
2. Komisiyo y'ubukangurambagan'amahugurwa;
3. Komisiyo y'uburinganire n'iteramberery'umugore;
4. Komisiyoy'Urubyiruko;
5. Komisiyo yaSosiyeteSivile
6. Komisiyo y'Amadinin'Amatorero;
7. Komisiyo ishinzwe iterambere ry'ubukungu;
8. Komisiyo ishinzwe Umucon'Ubanyabugeni;
9. Komisiyo ishinzwe abantu bafite ubumuga;
10. Komisiyo ishinzwe iterambere ry'Imiyoborere Myiza;
11. Komisiyo ishinzwe iterambere ry'Imibereho Myiza;
12. Komisiyo ishinzwe amakuru;
13. Komisiyo ishinzwe uburezi.

Inama Nyobozi ishobora gushyiraho Komisiyo idasanzwe yiga gusa ikibazo yasabwe gusesengura.Igihe itangirira akazi n'igihe izakarangiriza bigenwa n'urwego rwayishyizeho.

Buri Komisiyo igira Perezida,Visi Perezida n'Umwanditsi.Umwe muribo agomba kuba nibura ari umugore.

**Ingingo ya 60**: **Imikorere ya Komisiyo**

Buri Komisiyo igira nibura abayigize batanu (5).Bitewe n'umwihariko wa buri Komisiyo, umubare w'abagize Komisiyo ushobora kwiyongera cyangwa kugabanuka.

Iterana rimwe mu kwezi (1) n'igihe cyose bibaye ngombwa.Itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida wayo.Iterana ari uko hari nibura mirongo itanu ku ijana by'abayigize (50%) hiyongereyeho umuntu umwe (1).

Ibyemezo byayo bifatwa ku byumvikane busesuye.Iyo ubwumvikane busesuye butabonetse, ibyemezo bifatwa binyuze mu matora ku bwiganze burunduye bw'amajwi bw'abari mu nama.

**UMUTWEWAIII: INAMA Z'INZEGO ZA PAM-RWANDA**

**Ingingoya 61: Igenzura ry'abitabiriye inama**

Mbere y'uko inama itangira, Umunyamabananga Mukuru ku rwego rw'Igihugu rwa PAM –Rwanda cyangwa Umwanditsi ku zindi nzego agenzura niba abayijemo bageze ku mubare wa ngombwa.

Iyo umubare wa ngombwa wuzuye, Umuyobozi w'inama arayitangiza, ikabanza kwemeza ibijya ku murongo w'ibyigwa.Ibyemejwe kwigwa nibyo bisuzumwa byonyine.

**Ingingo ya 62**: **Impamvu y'isubikwa ry'inama**

Iyo umubare wa ngombwa utabonetse kugira ngo inama iterane, irasubikwa ikongera gutumirwa mu gihe kitarenze iminsi itanu (5).Icyo gihe inama iraterena n'ubwo umubare wa ngombwa utaboneka.

**Ingingo ya 63**: **Ijambo rihabwa umwanya wa mbere mu nama**

Ijambo risabiwe kwibutsa itegeko rigenga imitunganyirize y'inama cyangwa ibibazo bifitanye isano n'ibiri ku murongo w'ibyigwa rihabwa umwanya wa mbere mu mpaka (motion d'ordre).

**Ingingo ya 64**: **Ububasha bw'Umuyobozi w'inama mu gutanga amagambo**

Ntawe ushobora gufata ijambo atarihawe n'Umuyobozi w'inama.

Umuyobozi w'inama ashobora kugena igihe gihabwa uhawe ijambo n'umubare w'abahabwa ijambo ku ngingo y'ibyigwa igezweho.
Uri mu nama ashobora gusaba ijambo kugira ngo akosore igifutamye cyangwa asubize ikimuvuzweho.

**Ingingo ya 65**: **Inshingano y'Umuyobozi w'inama**

Inshingano y'Umuyobozi w'inama ni uguhuza imitangire y'ibitekerezo, kwerekana aho impaka zigeze ku ngingo yigwa no kugarura ku murongo abatandukira. Ashobora no guhagarika impaka igihe abona ingingo yigwa yagiweho impaka bihagije.

**Ingingo ya 66**: **Ibibujijwe mu nama**

Birabujijwe kurogoya no gusakirana. Ntawe ushobora guca undi mu ijambo keretse Umuyobozi w'Inama iyo yibutsa itegeko rigenga imikorere y'inama cyangwa agarura utandukiriye ku murongo.Iyo utandukira abikomeje, Umuyobozi w'inama ashobora ku mwambura ijambo igihe cyose inama ikiga icyo kibazo.

**Ingingo ya 67**: **Ububasha bw'Umuyobozi w'inama bwo kugenzura imyifatirey'abari mu nama**

Umuyobozi w'inama niwe ugenzura imyifatire y'abayirimo. Ashobora kwibutsa uri mu nama kugarura ituze amusaba kwitonda. Iyo atabyubahirije, aramwihanangiriza bikandikwa mu nyandikomvugo.

**Ingingo ya 68: Iyemezwa n'ishyingurwa ry'inyandikomvugo**

Inyandikomvugo z'inama zishyikirizwa abagizwe inama kugira ngo bazemeze.

Iyo zimaze kwemezwa ziba inyandikompamo kandi zikabikwa mu bubiko bwa PAM – Rwanda bwabugenewe zimaze gushyiraho umukono n'Umuyobozi n'Umwanditsi w'inama.

**Ingingo ya 69**: **Uburyo bwo gutora n'ibisabwa**

Abayobozi mu nzego z'Ubuyobozi za PAM–Rwanda bose bashyirwaho binyuze mu matora.

Abayobozi ba PAM–Rwanda bose kandi ku nzego zose za PAM-Rwanda bagira manda y'imyaka itatu (3) ishobora kongerwa.

Kugira ngo umunyamuryango wa PAM–Rwanda yemererwe gutorwa agomba kuba ufite nibura imyaka makumyabiri n'umwe (21) y'amavuko kandi uri umunyamuryango wa PAM–Rwanda.

Uburyo bwo gutora ni ugushyira ukuboko hejuru, guhamagara buri muntu cyangwa kwandika; inama yemeza uburyo bukoreshwa mbere y'uko igitorerwa gishyirwa mu majwi.

Ibindi bisabwa kugira ngo umunyamuryango wa PMA-Rwanda yemererwe gutorwa bigenwa n'amabwiriza yihariye agenga itora ry'abayobozi ba PAM-Rwanda.

**Ingingo ya70: Mu itora, umuntu agiraijwi rimwe**

Uwemerewe gutora wese agira ijwi rimwe gusa.Ntawe ushobora guhagararira undi mu matora.

**Ingingo ya71**: **Imiterere y'urupapuro rw'itora**

Iyo uburyo bwo gutora ari ukwandika, urupapuro rwo gutoreraho ruba ufite umukono w'umwanditsi w'inama cyangwa ikindi kimenyetso cyemejwe n'inzego zibifitiye ububasha. Iyo itora rikorwa mu Nama Nkuru, urupapuro rw'itora rugomba kugira na kashe y'umuryango.

Urupapuro rutujuje ibisabwa rwatoreweho ruba impfabusa.

## UMUTWE IV : UMUBANO N'INDI MIRYANGO

**Ingingoya72**: Ububasha bw'Umuyobozi mu mubano n'indi Miryango igize Global PanAfrican Movement

Mu mubano wa PAM-Rwanda n'indi Miryango bihuje intego, Umuryango PAM–Rwanda uhagararirwa n'Umuyobozi wayo nk'uko biteganyijwe n'ingingo ya 25 y'aya Mategeko Ngengamikorere. Perezida wa PAM-Rwanda ashobora kugena umuhagararira igihe atabonetse.

**Ingingo ya 73: Ibigenerwa intumwa ya PAM–Rwanda mu mahanga**

Umuntu wese, PAM–Rwanda itumye mu mahanga imugenera ibyangombwa bituma arangiza neza ubutumwa ahawe.Igihe avuye mu butumwa, akorera raporo yanditse mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) uhereye igihe yagarukiye mu gihugu.

Uri muri Biro ya PAM–Rwanda cyangwa uwo Umuyobozi yabihereye ububasha, igihe ari mu mahanga, ashobora kuyivuganira igihe asanze ari ngombwa kandi biyifitiye akamaro.Icyo gihe akorera Perezida wa PAM–Rwanda raporo yanditse kandi agasubizwa ibyo yagombye kwigomwa kugira ngo aharanire inyungu zayo.

## UMUTWE WA V: UMUTUNGO WA PAM–RWANDA N'IMICUNGIRE YAWO

**Ingingo ya 74**: **Inkomoko y'umutungo wa PAM-Rwanda**

PAM–Rwanda ishobora kugira umutungo wimukanywa n'umutungo utimukanywa. Umutungo wayo ukomoka kuri ibibikurikra:

1) Imisanzu y'abanyamuryango;
2) Inyunguzi komoka ku bikorwa bya PAM–Rwanda;
3) Inkunga, Impano n'indangano;
4) Ahandi hatanyuranyije n'amategeko cyangwa amahame y'Umuryango PAM.

**Ingingo ya 75: Umusanzu w'umunyamuryango n'igihe utangirwa**

Buri munyamuryango atanga buri mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa, umusanzu wemejwe n'urwego rubifitiye ububasha ugenwa hashingiwe ku bushobozi bwa buri munyamuryango.Ingano n'igihe utangirwa bigenwa n'urwego rubifitiye ububasha.

**Ingingo ya 76: Imikoreshereze n'imicungire by'umutungo wa PAM-Rwanda**

Amabwiriza yihariye y'Umuyobozi wa PAM-Rwanda ku rwego rw'Igihugu agenga imicungire n'imikoreshereze by'imari n'umutungo wa PAM-Rwanda.Aya mabwiriza agena kandi uburyo uyu mutungo ugenzurwa.

**UMUTWE WA VI: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**Ingingo ya77: Imikoranire ya za komisiyo ya PAM-Rwanda**

Umuyobozi wa Komisiyo ya PAM-Rwanda ku kwego rwisumbuye ashobora gutumiza abayobozi ba za Komisiyo bahuje inshingano kugira ngo bungurane kandi bahane hane amakuru ku nshingano zabo.

**Ingingo ya 78: Imikoranire y'inzego**

Inyandikomvugo y'inama ya buri rwego rwa PAM-Rwanda igomba gushyikirizwa Umuyobozi wa PAM–Rwanda ubifite mu nshingano kuri urwo rwego kugira ngo ashobore gukurikirana ibikorwa byayo, Umuyobozi wa PAM–Rwanda akagenerwa kopi kuri urwo rwego. Ibi bikorwa mu gihe kitarenze iminsi cumi (10) inama iteranye. Iyi nyandikomvugo y'inama igomba kubaho umukono w'uwayoboye inama n'uw'umwanditsi wayo.

**Ingingoya 79**: **Ihererekanyabubasha no kudakurikiranwa kw'abayobozi bashya batowe ku bibazo byatejwe n'abo basimbuye**

Mbere yo gutangira imirimo yabo, abayobozi bashya n'abari basanzwe bakorana ihererekanyabubasha rigakorerwa inyandikomvugo iriho imikono yabo n'abahamya babiri.

Abayobozi bashya ntibashobora gukurikiranwa ku kibazo icyo aricyo cyose gifitanye isano n'imikorere y'abo basimbuye. Iyo ari ngombwa abo nibo bagomba gutanga ibisubizo ku bibazo bishingiye ku mikorere yabo igihe bari mu buyobozi bw'inzego za PAM-Rwanda.

**Ingingo ya 80**: **Itangwa ry'amabwiriza kubidateganyijwe n'aya Mategeko Ngengamikorere**

Ku bidateganyijwe muri aya Mategeko Ngengamikorere, Umuyobozi wa PAM-Rwanda ashyiraho amabwiriza yihariye ashyikirizwa urwego agenewe. Ayo mabwiriza ntashobora kunyuranya n'amahame ya Global PanAfrican Movement, Amategeko Shingiro n'Amategeko Ngengamikorere bya PAM-Rwanda.

**Ingingo ya 81**: **Ivanwaho ry'ingingo zinyuranye n'aya Mategeko Ngengamikorere**

Ingingo zose z'Amategeko Ngengamikorere ya PAM-Rwanda zibanziriza aya kandi zinyuranye nayo zivanyweho.

I**ngingo ya 82**: **Igihe aya Mategeko Ngengamikorere atangira gukurikizwa**

Aya Mategeko Ngengamikorere atangira gukurikizwa ku munsi yemerejweho.

Bikorewe I Kigali ku wa 02 Mata 2022

Umuyobozi wa PAM-Rwanda

MUSONI Protais